

# Murakaza neza mu Bwiza karemano bwo muri Noruveje

Uburenganzira bwemerera abaturage gusura ahantu hatandukanye buha buri muntu uburenganzira bwo gutembera mu bwiza karemano bwo muri Noruveje.

Ubu burenganzira bukurikizwa ku butaka budahinze kandi bwubahirizwa kuri buri muntu hatitawe ku nkomoko ye, igitsina cyeye cyangwa imyaka afite. Ubutaka budahinze bugizwe n'amashyamba, imisozi, inkombe z'inyanja cyangwa ibiyaga, ibishanga n'ibindi nk'ibyho.

Ni ngombwa kutangiza ubwiza karemano, inyamaswa cyangwa ibimera. Rengerera inyungu za ba nyiri ubutaka n'iz'abandi bantu.

Uburenganzira bwemerera abaturage gusura ahantu hatandukanye ntibukurikizwa ku butaka buhinze nk'ubusitani, imirima y'imyaka cyangwa ahandi hantu nk'aho.



# Uburenganzira bwo gusura ahantu hatandukanye bukwemerera:

- Kuja mu ishyamba, mu misozi no ku nkombe z'inyanja cyangwa ibiyaga
- Kugendera ku igare mu misozi cyangwa mu nzira
- Koga mu nyanja, ibiyaga no mu nzuzi
- Guserebeka ku rubura (skiing) mu nzira zigenewe guserebeka cyangwa izitaragenewe guserebeka
- Gusarura inkeri n'ibihumyo
- Kuroba mu nyanja – abana bari mu nsi y'imyaka 16 bashobora kandi kuroba mu biyaga no mu nzuzi kuva 1/1 kugeza 20/8 ntacyo bishyuye. Undi muntu wese agomba kwishyura amafaranga y'uruhushya
- Kubaka ihema rikahamara iminsi 2 ritimuwe – Aho ihema rishyirwa hagomba kuba ari muri m 150 uvuye ku nzu yo kubamo cyangwa akazu k'imbaho

## Turabibutsaa:

- Gutwara imyanda mwaba mwateje iwanyu mu rugo
- Kudahungabanya inyoni n'inyamaswa
- Buri gihe gufunga imiryango no kubaha amatungo yo mu rugo

Aya ni amabwiriza mu nshamake abaturage bagomba kubahiriza mu gusura ahantu hatandukanye muri Noruveje. Ku bindi bisobanuro mwasura urubuga rwa interineti rukurikira: <https://www.miljodirektoratet.no/for-private/friluftsliv-og-allemannsretten>



Friluftsrådenes Landsforbund